

MUGIRE GIHAMYA KU MANA



Kandi Bisomwa bitya ngo:

Eliya Tishbite, wari...utuye i Galeyadi, abwira Ahabu ati: Uwiteka Imana ya Isiraheli iriho, imbere yanjye, nta kime cyangwa imvura bizabaho muri iyi myaka itatu, ahubwo keretse aho nzabitegekera.

Hanyuma Ijambo ry'Uwiteka rimugeraho riti,

Va hano ugende, werekeze iburasirazuba, wihihe iruhande rw'akagezi kitwa Kereti—Kereti, (ni byo nashakaga kuvuga) ahateganye na Yorodani.

Kandi bizaba gutya, uzanywera kumugezi; kandi nategetse ibikona kukugaburira...

Nuko aragenda, agenza uko Uwiteka yavuze, ajya kuri ako kagezi Kereti, ahateganye na Yorodani agumayo.

ibikona bikajya bimuzanira umutsima n'inyama, uko bukeye n'uko bwije; kandi akajya anywa amazi y'ako kagezi.

Hashize iminsi ako kagezi karakama kuko nta mvura yagwaga muri icyo gihugu.

Bukeye Ijambo ry'Uwiteka rimugereho riti:

Haguruka, ujye i Sarefati h'Abasidoni, abe ari ho uba: dore, hariyo umugore w'umupfakazi ni we ntegetse kugutunga.

Nuko arahaguruka ajya i Sarefati. Ageze ku irembo ry'umudugudu, ahasanga umugore w'umupfakazi utoragura udukwi: Eliya aramuhamagara aramubwira ati, ndakwinginze, nzanira utuzi two kunywa, mu gacuma.

Nuko ajya kuyazana, akigenda aramuhamagara, aramubwira ati, Ndakwinginze, unzanire n'agatsima mu ntoke.

Nawe aramusubiza ati, Nkurahiye Uwiteka Imana yawe Ihoraho, nta gatsima mfite, keretse urushyi rw'agafu nshigaje mu giseke, n'uturanguzwa tw'amavuta mu mperezoo, ubu dore ndatoragura udukwi tubiri, kugirango nsubire mu nzu, nkivugire njye n'umwana wanjye, ngo tukarye twipfire.

Eliya aramusubiza ati, Witinya; genda ubigenze uko mvuze: ariko banza umvugireakanjye, ukanzanire hano, maze ubone kwivugira nu...n'umwana wawe.

Kuko Uwiteka Imana ya Isiraheli ivuze itya, ngo icyo giseke ntabwo kizaburamo ifu, n'amavuta ntabwo

azabura muri iyo mperez, kugeza ku munsi Uwiteka azavubira isi imvura.

Nuko aragenda abigenza nk'uko Eliya yamubwiye, kandi uwo mugore na Eliya n'abo mu rugo rwe bamara iminsi babiry.

Icyo giseke nticyaburamo ifu ndetse n'amavuta ntiyabura muri iyo mperez, nk'uko Uwiteka yavugiyie mu kanwa ka Eliya.

Ku bw'iki gitondo, mbere y'uko njya hakurya y'inyanja, natoranje umutwe w'Ijambo, mpereye kuri ibi byanditswe uvuga ngo: *Mugire Gihamya ku Mana*.

² Noneho, Mwami, ha umugisha Ijambo ryawe mu gihe ribwirizwa, kandi Umwuka Wera abashe kuyobora imyuka yacu n'ibitekerezo byacu, kandi adutegurire kumwakira, kuko twamusabye ko aza. Kuko tutaje mu nzu y'Umwami kwiyerekana cyangwa kureba, ahubwo twaje kugirango twigishwe na We, no kugirango tumenye imico yawe, inzira zawe n'ibitekerezo byawe, kugirango dushobore guhangana n'ibibazo by'ubuzima, dufite ibyiringiro nyabyo, twizeye Imana. Bitwemerere Mwami. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

³ Bishopora kuba byari igitondo kibi. Byari bishyushye kandi byuzuye umukungugu, kandi abantu bari mu muhanda, inzara, kandi isi yari ishyushye kuburyo yiteguye gutwika. Ibyo byose byerekanaga ibyaha byabo, no guta umuco wabo.

⁴ Murabona, Ahabu yari ku ngoma mu—muri Isirayeli icyo gihe, cyangwa kuri Isirayeli, kandi yabaye umugome mu bami bose ba Isirayeli. Nta mwami wabaye umugome nka Ahabu, Nyamara, yari yarigishijwe kandi yari azi neza icyo agomba gukora, ariko yakomeje kutanezeza Imana mu bikorwa bye. N'ubwo yari afite ingabo nyinshi, kandi abaturage bakaba bari baguwe neza ku ngoma ye, ariko mumentye ko ari ntawe ushobora kurakaza Imana ngo arame.

⁵ Kandi na none mu gihe cyo gushaka kwe aho gushaka uwo mu bwoko bwe, aragenda arongora umunyabyahakazi, usenga ibigirwamana. Arongora Yezebeli. Kandi uwo ntiyizeraga.

⁶ Kandi ntibikwiye na gato ko uwizera arongora utizera. Abizera bagomba gushakana.

⁷ Ariko Ahabu yari yakoze icyo kintu kibi. Kandi nta gushidikanya Yezebeli yari umugore ufite uburanga. Yari yararehejwe n'uburanga bwe, aho kureshywa n'ingeso ze nyakuri. Nuko, abantu benshi baracyakora iryo kosa na bugingo n'ubu.

⁸ Kandi yari yarinjije gusenga ibigirwamana mu gihugu, mu batuye igihugu. kandi abaturage, abatambyi, ibisonga byabo, bari baraguye mu mutego w'ibyo rubanda bifuzaga.

⁹ Iyo ni yo shusho y'ighugu cyacu uyu munsi. Twemeye ibyo rubanda rwifuza. Ntagushidikanya, abatambyi bibwiragako byose byagendaga neza igithe cyose ubutegetsi bubishyigikiye. Ariko ibyo ubutegetsi bwashyigikira byose njyewe sinabishyigikira mu gihe bidashyigikiwe n'Imana. Kandi abantu bibwiraga ko nta kibi kiri mu byo bakoraga by'isi byose.

¹⁰ Ahari mwambaza gusobanura ibyo maze kuvuga, mvuga ko ibyo byari igishushanyo nyakuri kigereranya iby'iki gihe. Birashoboka ko tutibara mu basenga ibishushanyo nyamara tubisenga. Kandi leta irabishyigikiye. Abantu muri iki gihe ni abasenga ibigirwamana, kuko ba—basenga ibigirwamana. Bamwe muribo basenga ibyamamare bya za firime, bakabagira ibigirwamana. Bamwe basenga amafaranga, bakayagira ikigirwamana. Abandi basenga ibyamamare bigezweho kuri za televiziyo, nk'ibigirwamana. Mu by'ukuri ibyo uha agaciyo mbere y'Imana ni ikigirwamana, uko cyaba kimeze kose.

¹¹ Ndetse kuri Satani, umwanzi wacu ukomeye, ni umunyabwenge nk, kugeza ubwo ashira rimwe na rimwe itorero imbere y'Imana. Ushobora kugira itorero rikomeye. Rishobora kuba ari inyubako nini, cyangwa se rishobora kuba ari idini rikomeye. kandi na none, mushobora kugira amateraniro manini, ariko ntukagire icyo ushyira mu mutima wawe mbere y'Imana. Ibiza mbere y'Imana byose ni ibigirwamana.

¹² Kandi abo bantu bari bazi ko batakiri abanyamwuka cyane nk'uko byari bimeze ku ngoma z'abandi bami. Kandi bibwiraga ko kuba gusa ari ishyanga risenga, byose byagombaga kugenda neza. Aho ni ho na twe tugeze.

¹³ Hashize amezi mvuganye n'umwe mu nshuti zanje nkunda. Yaravuze ati "Mwenedata Branham, ndabona ko nta mpuhwe ufitiye Leta Zunze Ubumwe z' Amerika." Akomeza agira ati, "Ko ukomeza gucyaha icyaha kandi ugahora uvuga ko Imana izahaha iki gihugu."

¹⁴ Ndvuga nti, "Igomba kubikora, kugirango igaragare ko ari inyakuri."

Aravuga ati, "Ariko mwene Data Branham, wibagiwe ko iki gihugu cyabayeho ku buryo bujyanye n'ibyanditswe. Kandi abakurambere bacu batuye aha, rero Imana yaduhaye uyu mugabane. kandi tukaba turi ishyanga risenga."

¹⁵ Ndamusubiza nti, "ibyo byose, ni ukuri. Kandi nta muntu n'umwe uzi ukuntu nishimira iki gihugu! Ariko, reba, mwenedata, Isirayeli nayo yari yaratoranijwe n'Imana, kandi ibohereza abahanuzi n'abantu bakomeye. Ariko Imana ntibasha kwihanganira icyaha. Yakoze ku buryo bwose Isirayeli isarura urubuto rwose yari yarabibye. Kandi niba yaratumye Isirayeli isarura ibyo yabibye, natwe izatuma dusarura ibyo tubiba. Ntirobanura ku butoni."

¹⁶ Kandi tugeze aho twizera ko, kubera ko twishingikirije ku byo basekuruza bacu bakoze, cyangwa ku batangiye amatorero yacu, ku bitambo bikomeye batambiye Imana, ibyo byose ni byiza kandi birashimishije cyane ariko ntidushobora gukura agakiza kacu mu byo bakoze! Agakiza ni ak'umuntu ku gitit cye hagati ye n'Imana. Nta sano bifitanye n'ighugu cyacu, nta n'iyo bifitanye n'idini yacu, ariko imbere y'Imana, ni ho dusubirizwa gusa.

¹⁷ Bibaho mu gihugu cyacu, aho ndetse n'abanyamwuka bakomeye dufite, iyo uvuganye n'abo bagabo n'abagore b'abanyamwuka ushobora kubona ko mu bugingo bwabo babuze ikintu runaka.

¹⁸ Mu byumweru bishize, twari, narindimo kugenzura ibyo bintu, nsanga ko abantu natekerezaga nk'abiringirwa, abo bantu nasanze bibanda ku bintu bishira by'akanya gato, bakubita hirya no hino bavuga batii: "Imana yampaye *ibi n'ibi* bikomeye. Imana yampaye . . ." Urabeshya.

¹⁹ Kugira ubutunzi bwinshi si byo bigaragaza iteka ubushake bw'Imana. Imana ivubira imvura ababi n'abeza. ariko ibyo isi ikeneye uyu munsi si ukwizera kudafashije, ugerageza kwikunkumura ubwawe ukabyita iby'umwuka.

²⁰ Ukwizera kuzakora hato na hato ibitangaza bikomeye nyamara rimwe na rimwe bidaturutse mu mutima w'umunyamwuka. Umwami wacu ntiyavuze ati: "Kuri uwo munsi benshi bazaza aho ndi bavuga batii: 'Sinakoze *ibi na biriya*, mu Izina Ryawef?" :Nzababwira neruye nti: 'Mumve imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe.'" Gukiranirwa ni iki? Ni igihe waru uzi gukora icyiza ariko ukanga kugikora. "Sinigeze kubamenya," ni ko Azababwira. Kandi ni cyo gihe turimo.

²¹ Ibyo dukeneye muri iki gihe si ibantu byinshi. Ibyo turabifite. Ntidukeneye amadini manini. Ntidukeneye amateraniro manini. Ntidukeneye kunyuza ibiganiro kuri Radiyo na Televiziyo. ntidukeneye rwose na kimwe muri ibyo bintu. Ariko ikidukwiriye muri iki gihe kugirango tube abanyamwuka ni abantu bazicisha bugufi imbere y'Imana n'ubwo baba badafite amafaranga, kandi basenga kugeza ubwo umwuka ubarimo uhazwa ubwiza bw'Imana, kandi mu mitima yabo hakaboneka ububyutse buhindura ingeso zabo n'imibereho yabo babamo.

²² Birashoboka ko waba udafite n'umuguro n'umwe w'inkweto, Birashoboka ko waba wambaye ubushwambagara, ariko aho mu mutima wawe harimo ikintu kiririmba indirimbo z'Imana. Nahitamo gutunga ibyo kuruta gutunga amafaranga mw'isi.

²³ Ntawakwemeza ko ibantu by'umubiri ari byo kimenyetso cy'imigisha y'Imana. Dawidi abwira Uhoraho, ko yabonye ababi bakwirakwiza ibye . . . nk'igitu kinini. ariko Imana iramubaza iti: "Waba waritegereeje iherezo ryacyo?" Uko wakwambara neza kose, n'uko wagira ibyo kurya byinshi kose, ibyo si byo

bigaragara mu maso y'Imana. Uyu mubiri dutuyemo, urangirika, uko wawitaho kose. Ariko ubwo bugingo buri imbere mu muntu; imiterere y'umwuka umurimo, ngibyo ibigera imbere y'Imana nzima.

²⁴ Dufata ibintu uko tubyumva. Dukeka ko gusa kuba turi ishyahanga... Ibyo ni byo Ahabu n'Abisirayeli, bakoze muri icyo gihe, bibwiraga ko, ibintu bigenda neza. Abatambyi n'abigishamategeko babo bahoraga babasubiriramo ngo, "byose bimeze neza. kandi ibintu byose birimo kugenda neza." Ariko hari umwe warwanyaga ikibi, kubera ko yari azi ko Imana yera idashobora gushimishwa n'idini rigezweho ariko ridafite ukwezwa.

²⁵ Nyamara Imana yo mu ijuru iracyari uko yari iri ejo. Umwete wacu wose n'ibikomeye twagerageza gukora byose, Imana ntizashimishwa n'ikindi kintu cyose uretse imibereho yejejwe imbere yayo.

²⁶ Dushobora kubaka amashuri, ahantu hasurwa n'abanyedini, n'ibicaniro. Dushobora kugira amashyirahamwe. Dushobora gukora ibintu bikomeye, ariko Imana ntizishima igihe ubugingo bw'umuntu buzaba butejewe ku gicaniro cy'Imana, kandi ngo bube bwerejwe imirimo y' Imana. Kandi ibyo ntiwakongera kubibona.

²⁷ Ubona amateraniro yacu y'amasengesho afite intege nke cyane, Hafi umunota umwe gusa w'amasengesho, ako kanya ugahita usimbukira ku buriri. Tumaze kubona ko ibyo bishobora kutubaho rimwe cyangwa kabiri ku munsi. Twese ururbanza ruturiho. Ighugu cyacu kigenda gita umuco. Ahantu hose dufite ba Bill Grahams na ba Oral Robert; ariko igihe cyose inyota itari yaboneka mu mutima w'Abanyamerika kugirango bongere kugaruka ku Mana Nzima, mu migirire ifatika, mu kwizera kudapfa, mu Mana Nzima, mu by'ukuri tudakoze ibyo, twaba turushywa n'ubusa.

²⁸ Dushobora kugenda ibitugu biri hanze, twareze agatuza, tukamanuka mu muhanda, dushaka ko baduhamagara "Umwigisha" cyangwa "Umushumba". Dushobora kuba abashumba b'amatorero akomeye ari aho mu gihugu, kandi dushobora kuba abakiranutsi mu buryo bushoboka ku buryo nta muntu n'umwe wagira icyo aturega. Ariko kugeza ubwo ubwo bugingo buri imbere muri twe bwaka umuriro ku Mana, kugeza igihe hari ikintu gihari, cyifuzwa kuri Yo! "Nk'uko imparakazi yahagizwa no gushaka imigezi y'amazi, nanjye ubugingo bwanjye ni ko bwahagizwa no kugushaka, O Mana". Igihe cyose tutaragaruka muri iyo mibereho y'iryo tegeko!

²⁹ Ni yo mpamvu, Ubukomunisiti, n'ibindi nk'ibyo, bizakomeza gukwirakwizwa nk'uko babigenza, kandi amasezerano twagirana ntazashobora kubiagarika. Ibyo byavuzwe

byakagombye gusohora. Arik Imana irimo guhamagara Itorero ryayo.

³⁰ Mbega uburyo uwo mugore mutoya yagombaga kuba ameze nka Eliya! Kuko ubusanzwe ibikorwa by'umuntu ari byo byerekana uwo ari we. Ndetse yari yaratoranirijwe kunezeza Umuhanuzi w'Imana. Mwibuke ko yari Umunyamahangakazi, atari Umuyudakazi.

³¹ Kandi ikintu cyose cyarimo gikongoka mu gihugu. Kandi nta gushidikanya uwo mugore muto, yari muri icyo kigero, yari mu rugero rw'umwizera...Kuko Imana itari kuba yaramuhamagariye gucumbikira Umuhanuzi wayo. Ntiyari kohereza umuhanuzi wayo mu rugo rudakwiriye.

³² Ntabwo kwari ugutoranya kwe. Ahubwo kwari ukw'Imana. Ntabwo ari we wari wamutumiye. Ahubwo ni Imana yari yamutumiye. Eliya yari yarashiyizwe hafi y'akagezi. Ibikona bikamugaburira. Arik ku bw'itegeko ry'Imana hari icyagombaga gukorwa. Kandi nta gushidikanya Imana yasanze uwizerwa wari ufite kamere nk'iya Eliya.

³³ Yari umugore w'umupfakazi. Kandi ntidushobora kwirengagiza ingorane umupfakazi ashobora guhura na zo igihe umugabo we yapfuye akamusigira umwana w'umuhungu wo kurera.

³⁴ Muri utwo duce batungwaga n'umusaruro wabo. Nta gahunda bari bafite nk'izo dufite ubu, cyangwa se ibyo—ibyo kubarinda. Imibereho yabo yari ishingiye ku musaruro wabo. Ugukiranirwa kw'abantu no guta umuco kwabo byari byateje amapfa mu gihugu, bose bari aho bashonje bategereje kwipfira.

³⁵ Kandi tubona ko nta gushidikanya yari yarasenze amajoro yose mu bihe bitandukanye, mu kubona ifu igabanuka mu giseke, igabanuka, igabanuka. Kandi byageze igihe hatari hasigaye n'agafu na gake mu giseke. Ibyo yari afite byose byari bike. Urupfu rwinjiraga mu irembo, ku muryango we. kuko nta bundi buryo yari asigaranye bwo kubona indi fu. Igihugu cyose cyari gishonje.

³⁶ Kandi, amavuta, yari ikiyiko cyiza gisigaye mu mperezo ntoya. Ubwo utwo tuvuta n'ako gafu ni byo byari bisigaye ngo ubundi yipfire. Amasengesho ye yagaragaye ko yari ay'ukuri. Ibantu nk'ibyo bibaye mu rugo rrawe, haba kwizera kurenze uko dufite muri iki gitondo, mu gihe tuzi ko urupfu ruri ku muryango.

³⁷ Kandi ndizera ko, birashoboka, twakabyabajije, wenda, ashobora kuba yari yaraye asenga ijoro ryose, kuko iyo harengaho umunsi umwe ibye byari kuba birangiye. Yashoboraga kureba iminwa yumye y'umuhungu we muto ufite imyaka itatu cyangwa ine. kandi ubwe akabona yanitse amagufwa, nk'uko inyama zagendaga zishiraho. Kandi bigomba kuba byari ibantu biteye ubwoba, nkuko uyu mubyeyi, yabonaga

bimeze. Kandi, nyamara, ibiganza bye byari imbere y'Uwiteka, yasengaga amanywa n'ijoro, "Kugeza ubwo hasigaye gusa agafu mu gapfunsi n'akayiko k'amavuta".

³⁸ Urabizi, ni ikintu kidasanzwe. Imana ishoboze buri wese muri mwe gusobanukirwa n'ibi, birashoboka ko mutazongera kunyumva nongera kubwiriza. Reka ibi bibe ubutumwa. Biratangaje, ndetse cyane ko Imana ikora ibantu muri ubu buryo.

³⁹ Murabizi, nyuma yo kwatura ibyaha byacu no gusohoza ibyo Imana idusaba...twizeye Imana. Hari ibyo dusabwa gukora kandi bishingiye ku bushake bwayo. Twatuye ibyaha byacu, kandi twakosoye amakosa yacu yose twakoze, ni byo, ibyo twashoboraga gukora byose twarabikoze. Buri kintu cyose Imana yategetse twaragisohoje nyamara Ikomeje kwicecekera, yanze gusa kudusubiza.

⁴⁰ Nzi neza ko mbwira bamwe mu bantu barimo kunyura aho hantu. Nanje nahaciye inshuro nyinshi. Igihe nasuzumaga imibereho yanje, nijijeyo buri mbogamizi, nuko nsanga narakoze ikintu kidatunganye, nacyatuye mvuga nti: "Mwami Mana nzikosora" kandi narikosoye. Nyuma nkagaruka mvuga nti: "Noneho, Mwami, uri Imana; uzansubiza. Nukuri nujuje ibyifuzo byose wansabye gukora. Kandi ibisabwa byose, narabyujuje." Kandi igakomeza kunyihorera, bikagaragara ko ikomeje gucecka, aho ni ho ugomba kwemerera ko ari Imana. Ntucike intege. Ikintu kimwe gusa, ni uko, mu mutima wawe, uhamanya n'Imana.

⁴¹ Umutwe w'Ijambo ryanje. bwa mbere, Mbere yo kugira icyo ukora. Gira gihama, mu mutima wawe, ko ari Imana. Kandi iyo umaze gusohoza icyo yavuze, ubwo ni bwo uhamanya ko ari Imana, aho ni ho ukwizera gukora, ni aho ngaho. ukwizera kurashikama, kuko kuzi ko Imana iriho.

⁴² Kandi wasohoje icyo usabwa cyose. Wizera ko Iriho, ni bwo ukwizera gushikama. Oh, Izina Ryayo rihimbazwe! Ukwizera ntikuzanyeganyega kuko kuzi ko Imana iriho kandi ikagororera abayishaka.

⁴³ Teraniro rya Branham, ibyo byagombye kwinjira neza muri mwe, kandi ntibisohoke muri mwe. Niba mwarasohoje ibikwiriye byose mwabawwe n'Imana, kandi mukaba mwizera mu mitima yanyu ko Iriho, icyo Imana ikora ni ukugerageza ukwizera kwanyu, kuko ibyo ari byo ikunda gukora. Niba mwaratuye ibyaha byanyu kandi mugasohoza buri cyose mu byo Imana isaba, nyamara Igakomeza kwicecekera, mwibuke ko ukwizera guhamya ko Iriho. Icyo gihe ukwizera kubihagararaho, ntikuba kuzi ibyo ari byo, ariko kuzi ko Iriho, kandi guhamya ko Iriho.

⁴⁴ Mwibuke ko niba Iriho, amagambo yayo agomba kuba ari ay'ukuri. Niba yarasabye ko mwihambiria ku byo isaba runaka kandi mukaba mwarabikoze, yiteguye kurinda Ijambo

ryayo. Ntimugasubire inyuma, ngo muvuge muti: "yego, ntabwo Nakize. Ndi..." Oh, wa mutindi we, w'ukwizera guke. Ntukizere utyo. Niba waratuye byose kandi ukiyambura byose, kandi ukaba warasohoje inshingano wahawe n'Imana, ukwizera kuzashikama. Nta kizakunyeganyeza. Iriho, kandi urabizi neza. "Abategereza Uwiteka bazasubizwamo imbaraga; kandi bazagurukisha amababa y'ikizu. baziruka ntibazananirwa; bazagenda, ntibazacika intäge."

⁴⁵ Tegereza, Niba warasohoje ibyo Igusaba. Ukwizera kwawe kuzaba mu guhangana. Niba warasohoje...niba ibisabwa n'Imana warabikoze, cyangwa warabyujuje, ukaba warabyitondeye bihagije, kandi ukaba warakoze ibyo Imana yagusabaga, icyo gihe ukwizera kwawe kuzahagarara kuri iki ngo, Iriho. Gira gihanya ku Mana.

⁴⁶ Murabizi, Ikunda kutugerageza. Ikunda kureba ko wagira icyo ubikoraho. ibyo mwari mubizi? Imana ikunda kureba uko mubyifatamo. Iyo uvuze uti: "Oh Mwami, ndakwizera. Uri Umutabazi wanjiye. Nizera ko uri muganga. nizera ko ari wowe utanga Umwuka Wera. Kandi ibintu byose nkeneye, uri Imana ibitanga." Iyo watuye ibyaha byawe byose kandi ugasezeranya Imana icyo uzakora, niba yemeye kugukiza, noneho kubera ko bidasohoye, ugahungira hirya no hino nk'umunyabyaha. Imana ntiyakoresha ibyo. Nta buryo na bumwe Imana yabona bwo kugukoresha. Ntishobora rwose kugusubiza, kubera ko Isubiriza mu kwizera gusa. Ako kanya urigendera, kandi icyo gihe ntishobora kugusubiza. Ariko ukwizera nyakuri, kuzaguma aho, wizeye ko Imana iriho. Ni ukuri koko iriho.

⁴⁷ Kandi iyo Imana igusabye gukora ikintu, kwatura ibyaha byawe n'ibindi, noneho ukabikora, kwizera guhamya ko iriho, ni ukuri ko ibyo bizarohora. Icyifuzo cyawé kigomba gusubizwa. Oh, Nda—ndakeka ko ibyo utabibura. Niba uhamanya n'Imana, na Yo Ihamanya n'Ijambo ryayo. Itegereje gusa kukunuza ku gipimo.

Yabikoze inshuro nyinshi. Turebe urugero rumwe cyangwa ebyiri.

⁴⁸ reka turebe ku bana b'Abaheburayo. Ntibagombaga gupfukamira ikigirwamana. Imana yari ibafitiye icyizere. Igihe bamenye ko bagiye gushyirwa mu itanura ryaka, baravuze bati: "Imana yacu ishobora kudukiza iri tanura. Kandi n'ubwo itabikora, nta kigirwamana cyanyu dupfukamira." Murabibona bari biringiye kandi bafite gihanya n'Imana.

⁴⁹ Bari bazi ko ari Yehova; bari bazi ko yumva amasengesho. Ariko yabibakorera, cyangwa itabibakorera, mu buryo ubwo ari bwo bwose, byari ibyo kubazanira ibyiza. Bo bari barangije ibyabo,bihannye ibyaha byabo, bagenda basanga urupfu.

⁵⁰ Igihe bajyaga mu itanura rigurumana, bazi ko niba Imana ibaretse ngo bashye, bari bafite gihanya ko izabazura mu mu

zuko w'abapfuye. bari bafite gihamya n'Imana, kuko bari bazi ko Imana ikora ikintu cyose kugira ngo ibazanire ibyiza. kandi iyo dufite gihamya ku Mana, tuba tuzi ko imana ikora ikintu cyose kubwo kutuzanira ibyiza.

⁵¹ Noneho, bavuze rimwe gusa. Bari bafite gihamya, Kandi bagiye bashize amanga mu itanura rigurumana. Imana irabareka baryinjiramo; ihagaze aho, ibareba. Yashakaga kureba icyo bari bukore.

⁵² Igihe umwami yavugaga ati: "Mwapfukamye igihe impanda yavugaga?"

Baramusubije bati, "Oya. Ntabwo twapfukamye." Uko ni ko kwizera kwanyu, gushikamye.

"Niba mutapfukamye, muzi icyo nategetse?"

"Yego, tuzi icyo wategetse."

"Ntegetse ko itanura ryenyegezwa karindwi kuruta uko ryari rimeze, kandi ndabajugunyamo. Ubu muremera gupfukama?"

"Oya. Ntidupfukama." Uko ni ko kwizera kwabo.

⁵³ Imana iravuga iti: "Rwose ngiye kureba icyo baribukore. Ngiye kureba icyo kwizera kwabo kuribukore."

⁵⁴ Hanyuma umwami aravuga ati: "Mubabohe amaboko n'amaguru mubajugunye mu itanura." Nuko begera itanura, umuriro utamurura mu maso habo. Kandi Imana yari aho, ibireba. Ariko bari bazi neza ko ari Imana. Bari bihannye ibicumuro byabo. Bari baratunganije ikintu cyose bazi ko cyagombaga gutunganywa. Bari bafite gihamya ko ari Imana.

⁵⁵ Bagenda bashize amanga berekeza mu itanura rigurumana. Ku ndunduro ni bwo Imana yamanutse mu ijuru ije ku igare ry'umuyaga, ibavanaho umuyonga, mu gihe yabahumurizaga ibavugisha.

⁵⁶ Imana irareka kwizera kwawe kukagera aho kugomba gukora.

⁵⁷ Habayeho Yobu wo mu Isezerano rya Kera, uwo Satani udushinja yamureze ko ari umunyabyaha rwhishwa. Ariko Yobu yari azi ko atakoze icyaha. Yari azi ko yihannye ibyo yari yarakoze byose kandi akaba yari yaratanzé igitambo cye. Icyo ni cyo Imana yasabaga. Icyo ni cyo cyonyine Imana yasabaga: igitambo no kwihana. Kandi ibyo Yobu yari yarabikoze.

⁵⁸ Satani ati: "Nzajyana ingamiya ze, kuko ari umukire. Nzajyana intama ze." Ku ndunduro yambura Yobu icyari kiri hafi y'umutima we: abana be.

⁵⁹ Nyamara Yobu ntiyahinduka, akomeza kudacika intege kuko yari azi ko Imana, iriho yari afite gihamya ku Mana, kuko yari yaravuganye na Yo, kandi akaba yari yarasohoje amategeko Yayo. Ashakashakisha igicumuro, nuko aravuga ati: "Natanze ibitambo byose byifuzwaga. Naribwiye mu mutima

wanjye nti: ‘birashoboka ko ku munsi mukuru wo—wo gusangira wateguwe n’abahungu banjye, n’abakobwa banjye batumiwemo, birashoboka ko baba baracumuye rwihihswa mu mitima yabo, ngiye kubatambira ibitambo, nihane ku bw’ibyaha byabo.’”

⁶⁰ Oh Mana! Iyo umuntu akomeje gukora ibyo Imana yavuze, aba azi neza ko ari Imana, agomba gusubiza. Buri gihe kwizera ni imbarutso yo kwinjira mu mu rimo kwayo.

⁶¹ Iyo ukoze ibyo uzi ko ari ukuri, ugasohoza amategeko yayo, iyo wihannye ugakosora amakosa, ukagarura ibyo watwaye, kandi ibyo ukabishyira imbere y’Imana. uko Yaceceka kose ntacyo byantwara, Ikomeza kuba Imana, mu gihe itegereje ko kwizera gutangira gukora. Imirimo yanyu mwarayikoze, noneho irashaka kureba kwizera kwanyu mu bikorwa byanyu. Irashaka kureba ibyo mugije gukora.

⁶² Niba warasizwe amavuta kandi ukaba warasengewe, Imana itegereje kureba icyo uzizera kuri ibyo. Ni uko watwirukira ku cyumweru gitaha, hanyuma bukeye bwaho, ukirukira ku muvuzi wundi utuye hariya mu mujyi; Itegereje kureba icyo ukora n’uko kwizera kwawe. kureba niba utazagaruka ku munsi ukurikiyeho uvuga uti: “ndarembye cyane, ndakeka ko ntakize.” Icyu mbere, ntukwiriye no kujya ku murongo w’abasengerwa. Ntukwiriye. Ntukwiriye. ntabwo uritegura, na gato. Ntiwizera ko ari Imana. Njyewe ntabwo . . .

⁶³ Birashoboka ko wavuga uti: “Mwene Data Branham, sinemeranya nawe.” Imyitwarire yawe ubwawe irerekana uwo uri we. “Muzabamenyera ku mbuto zabo.” Umuntu niyibwira ko ari Umukristo, kandi akanywa inzoga, itabi, agakina urusimbi, akavuga ibisetsa n’ibiteye isoni, kandi akavuga uti: “igice kimwe cya Bibiliya ni ukuri, naho ikindi gice cyo si ukuri,” uti kandi ngomba kubwiriza ubutumwa, kandi uhakana igice cya Bibiliya, ntaho ataniye n’umunyabyaha. Ntaratungana rwose.

⁶⁴ Ariko niba watura ko Imana idahinduka kandi ugashyira ubugingo bwawe mu biganza byayo, uvuga uti: “Mwami ndi ibumba; ukaba umubumbyi,” Noneho saba icyo ushaka. Kwizera ntikuzanyeganyega; kandi ntikuzava mu mwanya wako.

⁶⁵ N’ubwo mu buryo bwose ibintu byashobora kugenda nabi, uko byagenda kose, uko kwizera ntighungabana, kuko uzi neza ko ari Imana. Niba ari Imana, ikomeza isezerano ryayo. Ntishobora gutanga isezerano kandi ngo iryice. Niba ari Imana, igomba gukomeza isezerano ryayo. Oh, ndabikunze. Igomba kuririnda.

⁶⁶ Yobu yari yatanze amaturo ye; Yari yakoze byose. Yari azi ko nta kibura. Hanyuma ni bwo haje abayoboke b’itorero, n’abayoboke b’amadini anyuranye, baramubwira bati: “Yobu, waba ugize neza wemeye ko uri umunyabyaha, kuko Imana itari kwemera ko uhanwa ako kageni niba utari umunyabyaha.”

⁶⁷ Ariko Yobu aravuga ati: “Nihannye ibyaha byanjye. Natanze igitambo ku Mana, kandi si ndi umunyabyaha.” Yari azi ighagararo cye. Hanyuma ibyago bikomeza kumuzaho biggerageza guca intege Job, no kuzana Yobu ahantu yari guhakana Imana no guhakana igitambo cyotswa. Igihe cyose ugarutse ku cyo wihannye, ibyo byerekana intege nke zawe, ibyo byerekana ko ushidikanya ku Mana. Nusaba Imana icyo ari cyo cyose, kandi ugakomeza kubishidikanyaho, icyo gihe uba uri ushidikanya ntabwo uba uri umwizera.

⁶⁸ Yobu yari azi aho ahagaze, kandi yari atsimbaraye kuri urwo rufatiro.

⁶⁹ Ntibitangaje kumva ko Peronnet, igihe cy’urupfu rwe yavuze ati:

Kuri Kristo, Urutare Rukomeye, ni ho
nishingikirije;
Ahandi hose ni umusenyi utumuka.

⁷⁰ Kuri urwo Rutare Rukomeye rwo kwihana kwa Yobu, Ndetse n’umugore we yakundaga yaramutereranye. Igihe yari amerewe nabi, umubiri we wuzuyeho ibishyute, kandi yishimisha urujoyo nuko avuma umunsi yavutseho. Aravuga ati: “Iyaba izuba ritararashe ku manywa! N’ukwezi ntikugaragaze umwezi wako njoro.”

Umugore we aravuga ati: “Yobu, uri imbabare cyane. Kuki utatuka Imana ngo ubundi wipfire?”

⁷¹ Aramusubiza ati: “Uvuze nk’abagore b’abapfapfa.” Yari azi neza ko hariho Imana, kandi yari yujuje ibisabwa. Yoo, ndumva nsobanukiwe n’iyobokamana. Yari azi ko yasohoje amategeko y’Imana, kandi ibyo byari bihagini. Imana yagerageje kwizera kwe. Izagerageza n’ukwawe. Izagerageza n’ukwanjye.

⁷² Ariko iyo twujuje ibyo dusabwa, “Nimwi hane buri wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo kugirango mubabarirwe ibyaha byanyu, kandi muzahabwa impano y’Umwuka Wera,” Ni isezerano rye. “Hari urwaye muri mwe, Nahamagare abasaza b’itorero. Reka bamusengere, bamusige amavuta. Isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi, kandi Imana izamuhagurutsa.” Ngicyo igikemura ikibazo. “Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane.” Mwasohoje amategeko y’Imana.

⁷³ “Dore ibimenyetso bizagendana n’abizera. Bazirukana abadayimoni mu Izina ryanjye; bazavuga indimi nshya; nibafata inzoka cyangwa se nibanywa ikintu cyica, ntacyo kizabatwara; nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.” Ngicyo igikemura ikibazo.

⁷⁴ Gira gihamya ku Imana. Hamya mu mutima wawe ko iryo ari Ijambo ry’Imana. Yobu ni ko yari ameze.

Umugore we aramubwira ati: "Kuki utayituka ngo ubundi wipfire? kubera iki, urimo uragenda urushaho kuremba buri mwanya."

⁷⁵ Mbega ukuntu Satani akunda kubabwira ayo magambo. "Kubera iki, ntiworohewa kuva igithe bagusigiyе amavuta. Ntiworohewе kuva igithe ababwiriza bagusengeye. Mbere na mbere, abo babwiriza, ntibari batunganye." Ibyo nta sano bifitanye n'ababwiriza; icyangombwa ni ukwizera Imana Nzima kwawe. Si icyo umubwiriza ari cyo; ahubwo ni icyo Imana iri cyo. Si umubwiriza watanze isezerano; Imana ni yo yatanze isezerano. Si umurimo w'umubwiriza; ni umurimo w'Imana, kandi no kwizera kwawe guhamya rwose ko ari Imana. Nuko rero hamanya n'Imana. Gira gihamba ku Mana, iri ni Ijambo ry'Imana. Kandi Imana iba mu Ijambo ryayo.

⁷⁶ Kandi Yobu aravuga ati: "Uravuga nk'umugore w'umupfapfa." Aravuga ati: "Uwiteka ni we wabimpaye, kandi Uwiteka ni we ubyishubije; Izina ry'Uwiteka niriimbazwe." Yari azi neza ko Imana iri aho.

⁷⁷ Nuko Igihe yari amaze gusohora ayo magambo mu kanwa ke, inkuba zirakubita n'imirabyo irarabya. Imana irigaragaza; ibyo ni byo bibanziriza buri gihe ukwigaragaza kwayo. Ikomeza kwiceckera igithe kirekire.

⁷⁸ Icyo ni cyo ikora. Igihanze amaso ku gatsiko k'Abanyamerika bagenewe kurimbuka, izo ndyarya zo mu itorero. Simfite uburakari. Ariko icyaha kirakaza umuntu wese ukiranuka imbere y'Imana. Sindakariye ighugu, cyangwa abantu, ahubwo ndakariye umwanzi wateje ibyo byose agambiriye guhumisha abantu.

⁷⁹ Abo bashumba n'ababwiriza b'impumyi, barabareka bakayoborwa na Tewolojiya nkeya yakozwe n'umuntu. Mugomba kuvuka ubwa kabiri. Kandi Imana irinda Ijambo ryayo. Murabona uburyo irimo kubigenza. Mwaba mugize neza mumenye neza ko Imana iriho. "Bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako."

⁸⁰ Uwo mugore w'umutindi, yari azi ko ari Imana. Kuko ibyari muri icyo giseke byakomezaga kugabanuka, bigabanuka, bigabanuka, mbese ibintu byagendaga birushaho kudogera igithe cyose. Ariko Imana yari yemeye ko bimera bityo. Ikunda kubikora ityo. Ikunda kugerageza ukwizera kwawe, kugirango irebe uko ugukoresha, Izemera ko bagusengera bagusize amavuta, kandi hanyuma ukarushaho kuremba. Ikavuga iti: "Genda Satani, umugerageze, nzi ko anyizera." Imana ihimbazwe iteka ryose! Oh, Mbega! "Mugerageze ubu, Nzi ko yanyizeye ku bw'Ijambo." Yashobora se kuvuga nk'ibyo kuri wowe?

⁸¹ Ibyo yabivuze kuri Yobu. Aravuga ati: "Mukoreho ibyo ushaka byose ariko ntutware ubugingo bwe, kuko nzi ko

Ankunda. Yatanze igitambo. Yasohoje amategeko yanje. Yakoze ibyo namutegetse, arabyizera. Noneho, mugire uko ushaka kose.” yamwambuye byose. Imana mu gihe yabimushumbushaga yabimuhyaye inshuro ebyiri. Nta gushidikanya, izabikora.

⁸² Igerageza kwizera kwacu kugirango irebe ko mu by'ukuri twizera ko ari Imana.

⁸³ Uwo mugore muto muto, nta gushidikanya, yaravuze ati: “Narasenze. Narasenze. Nzi ko ndi umunyamahanga udakwiriye.”

⁸⁴ Mwibuke ko, Yesu yamuvuzeho muri Bibiliya. Yaravuze ati: “Ese mu gihe cya Eliya ntihari abapfakazi benshi? Nyamara yoherejwe kuri umwe kandi yari umunyamahanga.”

⁸⁵ “Yoo,” aravuga ati: “Narasenze”. Kandi birashoboka ko igahe yabonaga aka gace ka nyuma k’umugati, urupfu rwari rwamaze kurenga irembo ruhagaze mu ryango. Hari hasigaye gusa akamanyu k’umugati kuri buri wese, we n’umuhungu we bakipfira. Ndakeka ko mu gihe yararaga asenga, buri gihe umuyaga utwika warahuhaga, ukumya ubutaka, kandi abantu bakarira, baborogera mu mayira. Yakubitaga hirya no hino mu nzu. Akareba umuhungu we muto. Akareba umwambaro we muto ararana; utobaguritse, uturenge twe tugaraagara. Akitegerezza ibiganza bye biriho iminkanyari. Agakubita hirya no hino akavuga ati: “Nzi ko ari Imana. Byose nabyatuye. Nasohoje ibyo Yasabye byose. None ndatakambira ubugingo bwacu, ku bw’icyubahiro Cye.” Imana yaramurebaga.

⁸⁶ Igihe Abandi basigaye basohoka bakabyina ahantu runaka, biyerekana neza, bafite televiziyo igezweho cyangwa ikindi kintu, gikomeza isi. Ariko uwo mugore yari wenyine n’Imana.

⁸⁷ Buracya. Aravuga ati: “Uyu mutindi w’umwana yaraye arira ijoro ryose, asaba icyo kurya. Ndakora iki n’aka gafu mu gapfensi?”

⁸⁸ Murabizi iyo fu yari Kristo. Umuntu wese wiga Bibiliya azi ko Kristo yari ituro ry’ifu. Ikindi kandi iryo turo ry’ifu ryagombaga gusebwa ku rusyo rudasanzwe, kugeza igahe incenga z’ibigori zinoze; kubera ko Yesu Kristo uko yari ari ejo ni ko ari n’uyu munsi kandi ni ko azahoraho iteka ryose. Kandi umwizera wese yizera ibyo akabishikama mo. Alleluya! Ushobora kugira idini ryawе rya kera, ryakonjeye mu mihangoo yaryo uko ubyifuza. Ku bwanje nizera ko uko Kristo yari ari ejo ari ko ari n’uyu munsi kandi ari ko azahora iteka ryose. Nafashe igihagararo muri iyi si y’ababi. Nkomeza kwizera ko uko yari ari ejo n’uyu munsi ari ko ari kandi ko ari ko azahora iteka ryose.

⁸⁹ Izo nsyo zasyaga buri mpeke yose mu buryo bumwe, kubera ko Idahinduka. Ni yo Mana uko Yari iri ni ko Iri no muri iki gitondo; ntizahinduka. Icyo ni cyo iyo fu yasobanuraga.

⁹⁰ Kandi amavuta asobanura Umwuka, nk'uko tubizi byanditswe muri Ezekiyeli igice cya 4, n'ahandi. Ni yo mpamvu dusiga amavuta; ari yo Mwuka. Ibyo ni ibiki? Nk'uko muri Yohana 4 habivuga, "Data ashaka abamusenga bamusengera mu Kuri no mu Mwuka." Yesu yari Ukuri. Yari ituro ry'ifu naho amavuta yari Umwuka. Kandi iyo Umwuka uhuye n'Ukuri ntibyabura kubyara ikintu. Bishyire hamwe biravamo umugati. Oh!

⁹¹ Kwizera kwawe kuri he? Iyo Ijambo ry'Imana ribwirizwa mu kwicisha bugufi kwaryo nyamara mu mbaraga zaryo, Yesu Kristo uko yari ari ejo n'uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahora, kandi iyo Ijambo ribwirijwe, ifu, ugomba kuba ufite amavuta yo kuyivangira. Birashoboka ko waba ufite gake mu gapfunsi cyangwa ku kayiko gusa ariko, uko byaba bimeze kose ni ukuri.

⁹² None iyo mvange izamara iki? Yiteguye kujya ku musaraba. Yiteguye kwitangaho igitambo. Icyo ni cyo ugomba gukora. Niba Ijambo rimaze kubwirizwa, ukaba warivanze n'Umwuka, igitambo cyawe ni icyo guhakana buri mubabaro, ugahakana buri ndwara, ugahakana ikinyuraniye n'Ijambo ry'Imana, hanyuma ukagumana ighagararo cyawe.

⁹³ N'aho muganga yavuga *Ibi*, *n'ibi*, cyangwa se *n'ibindi*; ibyo nta kintu na gito byahindura. Urashikama Ukayinambaho, kuko Imana yabivuze. Ifu irahari. Wafashe Amavuta. Urabivanga.

⁹⁴ Noneho, ndumva ijwi. Buracyeye. Humvikana ijwi rivuga riti: "Jya mw'ishyamba gutoragura udukwi tubiri." Urabona ko, Ibyanditswe bivuga "udukwi tubiri"? Umusaraba. Afite ifu n'amavuta, ariko asabwa kugira icyo akora, kora; uhoreye kuri ibyo. Uko byaba bingana kose, wagira ifu n'amavuta biguhagije, na bwo biragusaba kugira icyo ukora; kwitanga nk'igitambo.

⁹⁵ Udukwi tubiri. Kera ntibari bafite uburyo bwiza bwo gucana umuriro. Iyo ufashe urukwi ukarurambika rugeretse ku rundi hanyuma ukazikongeza hagati, Nta kindi ukora usibye kwenyegeza imitwe yazo. Abahindi bacanaga umuriro wabo. Kenshi na kenshi, mu majoro yose ng'uku uko navumbikaga umuriro. Narambikaga urukwi ku rundi, rumwe nkarushyiraho *ntyā* urundi *ntyā*, hanyuma uko zagendaga zaka narazenyegzaga.

⁹⁶ Icyo gice cy'urukwi cyari umusaraba. "Uduce tubili tw'urukwi," ni ko Bibiliya ivuga. Ijwi riramubwira riti: "Jya mu ishyamba utoraguremo uduce tubiri tw'urukwi." Muri icyo gihe, ni bwo mu mpinga y'umusozi, humvikanye ijwi ry'inkuba, ribwira umuhanuzi riti: "Jya mu murwa. Nategetse." Oh, mbega! Bombi barumvira. Hagomba kugira ikintu kiba. Bombi barumvira.

⁹⁷ Iyo umubwiriza abwiriza Ijambo, kandi uryumva akaryakira akaryizerera, kandi akarishyira mu bikorwa, hari ikintu kigomba kuboneka. Niba uri umunyabyaha, uzakizwa. Niba urwaye,

ugomba gukira, kuko Imana yabisezeranje, niba tuzi neza Imana.

⁹⁸ Nk'uko ari Imana, igomba kubahiriza Ijambo ryayo. Rwose! Hanyuma itegeko ryari, "Jya mu mujyi, kuko nategetse umupfakazi." Iyerekwa ryatangiye mbere y'umuhanuzi. Hano araza, agenda. Ntazi iyo agana; ntacyobihindura. Arumvira gusa.

⁹⁹ Ntiyari azi aho utwo dukwi turibuboneke, ariko hari ahantu runaka mw'ishyamba hari udukwi tubiri. Aragenda. Ajya mu murima. Areba iruhande rwe, "Oh, Mbega uburyo hashyushye!" Kandi iyo minihoyaturukaga mu tubyiniro, n'abagendaga amajoro badandabirana, bataha banya inzoga n'ibindi. Areba mu nzira. ntiyagira icyo abona. Abona agakwi; ari cyo gice kimwe cy'umusaraba, kwitangaho igitambo. Abona akandi gace, k'agakwi. Agitoragura ako gakwi ka kabiri . . .

¹⁰⁰ Oh, Mbega ukuntu icyo gihe cyagombaga kuba ari icy'umubabaro, urupfu rwari rumwugarije. Hari hasigaye akamanyu gato k'umutsima w'ibigori we n'umuhungu we bakipfira. Byari ibyo. Kenshi na kenshi, ijwi ryumvikana, mu mwijima w'icuraburindi.

¹⁰¹ Amaze gutoragura agakwi ka kabiri, asubiye imuhira yumva ijwi rivugira ku irembo, riti, "Jya kunzanira amazi mu gikombe."

¹⁰² Ahindukizwa no kureba, agifite twa dukwi tubiri mu ntoki, ifu yari yavanzwe n'amavuta byose bitunganijwe. Aravuga ngo narangije kubitegura, no kubivanga. Uko ni ko Ijambo n'Umwuka, bigomba kuvangwa hamwe. Kandi bigashirwa ku musaraba w'igitambo cyawe, kugirango ntiwemere ibitandukanye n'ibyo wasabye. Ibyo ni ukuri. "Narangije kubivanga, Noneho ngiye gushaka utwo dukwi twombi."

Iryo jwi riravuga riti: "Nzanira utuzi duke mu gikombe."

¹⁰³ Aritegerezahanyuma abona umugabo wari uhagaze aho, yegamiye igikingi cy'irembo, umugabo uhombanye amatama, ufite ubwanwa n'uruuhara, wamureberaga inyuma y'igikingi cy'irembo, yiteye uruhu rw'intama rushaje. Yagaragaraga nk'umusaza w'igikundiro.

¹⁰⁴ Aribwira ati: "Ngiye gusangira na we amazi yanjye." Amazi y'Ubugingo, witeguye kuyaha uwo ari we wese, ukayabwira uwo ari we wese, ukuba wajja aho ari ho hose. "Ba uretse gato." Agarukana udukwi tubiri mu ntoki.

¹⁰⁵ Nuko ijwi ryongera guhinda bwa kabiri, "Ntabwo turibusangire gusa amazi yawe, ahubwo zana amazi hamwe n'agatsima mu ntoki." Umutsima w'Ubugingo; Amazi y'Ubugingo! yari ay'ubugingo? Yagombaga gupfa igihe cyose

ibyo byagombaga kuba bishize. “Nzanira ku mazi yawe, kandi unzanire no ku mutsima wawe.”

¹⁰⁶ Aha turabona iki? Twakuramo iyihe nyigisho? “Mubanze mushake Ubwami bw’Imana, no gukiranuka kwayo; ibindi byose muzabyongererwa.”

“Nzanira utuzi duke n’agatsima.”

¹⁰⁷ Hanyuma arahindukira, mu mwijima. Ndumva yaravuze ati: “Mugenzi wanjye,” Ikintu nk’iki, “utandukanye n’abagabo nabonye, abo numvise bavuga. Uragaragara nk’ushikamye mu byo uvuga. Ariko nsigaranye agafu gake, ndetse mu gipfunsi n’akayiko k’utuvuta. Nari nateguye ibyo kandi ngiye kubitekesha utu dukwi tubiri. Nyuma mbisangire n’umuhungu wanjye hanyuma twipfire. Ni byo mfite byonyine.”

¹⁰⁸ Twumva iki, nyuma, y’ibyo? “Banza unzanire agatsima.” Banza, Imana. Ibyo bavuga byose n’ibindi byose, cyangwa igihamya cyose, n’uburyo byaba bibabaje kose, uko byagenda kose, banza Imana. Mbere na mbere, Ijambo Ryayo.

¹⁰⁹ “Muganga yavuze ko ntashobora gukira.” Nyamara Ijambo ryayo, riza mbere. “Ndi umunyabaya ukabije. Ndi umusambanyi. Nkina urusimbi. Ndi umusinzi.”

Mbere na mbere, ijambo ry’Imana. “N’aho ibyaha byanyu byaba bitukura nk’umuhemba bizahinduka umweru nka Shelegi; n’ubwo byaba bitukura tukutuku, bizahinduka umweru nk’ubwoya bw’intama.” Banza Imana.

¹¹⁰ “Banza ujye kunzanira agatsima. Ako ufite kose, kanzanire.” Witeguye gushyira ibyo mu biganza Bye?

¹¹¹ Ubuzima bwanjye, uko Ndi kose. Mfite imyaka mirongo itanu. “Urashaka, William Branham, kubishyira kuri Njye? Mmwebwe bana bato, murashaka kuntura ubugingo bwanyu? Murabyiteguye? Mwanyiringira, mwebwe abarwayi? Mwanyiringira? Mumpe umwanya wa mbere.”

¹¹² “Nzanira agatsima mu ntoki, kandi ujye kunzanira utuzi.” Aramwitegerezza. Ikintu kimubwira ko uwo mugabo yari azi neza icyo avuga.

Imana izi abayo. “Intama . . . Intama zanje zizi ijwi ryanjye. Zimenya niba ari Ibyanditswe cyangwa niba atari byo, zimenya ko ari ukuri cyangwa ko atari ko.”

¹¹³ Agaruka yubashye. Icyo ni cyo ugomba gukora. Kandi igihe yari ahindukijwe no kubaha umuhanuzi, ubwo ni bwo inkuba yo mu ijuru yakubise, iyo umuntu wese yifusa kumva. Kubera ko ijwi ry’Umuhanuzi ryumvikanye nk’inkuba kandi ryumvikanisha icyo buri munyabaya wese, buri murwayi wese ategereje kumva, “UKU NI KO UWITEKA AVUZE.”

¹¹⁴ Mbega ukuntu dukeneye kuryumva! Tekereza ku bantu bari mu muryango w’inzu yanje, bakavuga batii: “Ngwino kuri uyu

muryango. umukobwa wanjye ameze *atyo*. Umwana wanjye, yuu, n'uriya utuje. Vuga ijambo rimwe gusa." Ni gute warivuga mbere y'uko rigera mu kanwa kawe? Byaba ari wowe urivuze ubwawe. Arikoo bashishikazwa cyane no kumva iyo "UKU NI KO UWITEKA AVUZE."

¹¹⁵ Kandi, ibyo ni byo byumvikaniye ku irembo, kuko yubahaga; nyuma agahinda karashira. "UWITEKA ARAVUZE. Igiseke ntikizaburamo ifu, n'imperezoo ntizaburamo amavuta, kugeza ubwo Uwiteka azagushiriza imvura ku isi." Ooh, Mbega guhumurizwa!

¹¹⁶ Yarika amazi avuga ka gatsima. Agaburira umuhanuzi. Aragaruka yarika ake n'umuhungu we. Bararya, baranywa barahaga.

¹¹⁷ Mbese ibyo byaturutse he? Ibyo byageze aho bite? Nimunsobanurile mu buryo bwa gihanga aho iyo fu yakomotse. Ayo mavuta yaturutse he? Yageze ate muri iyo mperezoo? Buri gitondo, yasukaga amavuta akaranguza, buri gitondo. yararanguzaga, igiseke cy'ifu kigasigaramo ubusa. Nyamara yazagaruka gushaka ibindi, agasanga birimo. Ibyo byaturukaga he? Fatira Imana ku Ijambo Ryayo. Gira gihamya n'Imana. Ni yo Muremyi.

¹¹⁸ Birashoboka ko waba waratakaje ubuzima bwawe. Birashoboka ko waba waratakaje ubumwe n'abera. Yifatire ku Ijambo Ryayo. Gira gihamya ko ari Imana. Ibyo bihe by'umubabaro unyuramo, bimwe ntibyakabaye iby'umubabaro niba wari wemeye gusa Ijambo Ryayo kandi ukaba wari wizeye neza ko ari Imana.

¹¹⁹ Mu Budage, igihe kimwe, nahabonye igishushanyo kiranyobera. Umudage w'umunyabugeni yashushanyije i... igishushanyo a-acyita "Igihugu cy'Ibicu." Iyo ukirebeye, ukirebera kure, ubona kimeze nk'ishusho iteye ubwoba utigeze ubona. Iyo ukirebeye kure, kiba kimeze nk'ikirundo cy'ibicu. Nyamara wacyegera, kigahinduka. Amababa yacyo nk'ay'abamarayika bagurukira hamwe, baririmbiira Umwami za Alleluya. Nguko uko umwijima uba uteye rimwe na rimwe. Iyo urebeye kure, ibyo bicu ubona byijimye kandi bibabaje; Nyamara fatira Imana ku Ijambo ryayo kandi ugire gihamya ko ari Imana, urusheho kuyegera, uzabona ko ari amababa y'abamarayika a-bagurukira hamwe.

¹²⁰ Uwo mugore yendaga kumera nka Abrahamu, asabwe gutanga ibyo yari afite byose, kandi akabishyira ku gicaniro cy'igitambo. Birashoboka ko nawe wakwakira uwo muhamagaro, muri iki gitondo. Reka inzira zawe. Reka ukwinangira kwawe. Siga ibyo ufite byose. Hanyuma ufate amavuta n'Ijambo, ubivange, kandi ubishyire ku gicaniro cy'igitambo cyawo. Uzabona ko, ibyo bizatuma Imana ikora, nk'uko mpagaze kuri iki gicaniro.

Bitekerezeho mu gihe turimo gusenga.

¹²¹ Waba ufite icyifuzo uyu munsi? Ufite icyifuzo kirenze ubushobodzi bwawe? Waba ukennye ku buryo utabona amafaranga yo kwirihira icumbi? Abana baba bakeneye inkweto nshya, ukaba udafite amafaranga yo kuzibagurira? Mbese mu nzu yawe igiseke cyawe cyaba gisigayemo ubusa, cyangwa imperezo yawe iri hafi kuma? Ntugishobora kugura ubwatsi bw'amatungo yawe? Kandi, hariya, hari ikitagenda? Wibuke ko yatanze isezerano.

¹²² Waba urwaye, Muganga akakubwira ko uzabagwa? Kandi ukaba udafite amafaranga ahagije? Urayakeneye.

¹²³ Waba uri umunyabyaha? Icyifuzo cyawe cyaba gikomeye, ukaba uzi ko Imana iguhamagaye, uyu munsi, warimbuka? Ujya usubira inyuma uhunga Imana? Uzi yuko uri umuyoboke w'itorero, nyamara ukaba uzi ko udatunganye? Umutima wawe uraguhimiriza ko, dukurikije Ijambo, udatunganye. Kandi ufite icyifuzo. Ntiwemere ko ayo magambo agwa mu mahwa, cyangwa ku rutare, cyangwa mu mitima y'amabuye. Ahubwo agwe mu butaka bwiza, burumbuka.

¹²⁴ Niba urwaye kandi u...muganga akavuga ko utazakira, kandi ukaba warasezeranyije niwemerera Imana ko uzayikorera iminsi yose y'ubuzima bwawe, kandi ukaba uzi neza ko ari Imana, ngwino usohoze ibyo igusaba. Niba ufite icyifuzo, kora uko ushoboye uzamure ikiganza, ubwire Imana ko hari icyo ukeneye? Imana iguhe umugisha.

Reka dusenge.

¹²⁵ Oh Mwami, nk'uko ari ukuri kuba mpagaze kuri iki gicaniro muri iki gitondo, Nzi neza ko nta kiganza na kimwe cyazamurwa utakizi, kuko uri Imana. Waravuze uti: "Ese ibishwi byinshi ntibigurwa amakuta abiri? mbega ukuntu murusha agaciro ibishwi!" Mbega ukuntu wabonye ibiganza by'abapfuye, abo Umwana wawe Yesu yapfiriye! Mbega uburyo wabonye cyane ibiganza byabo kurusha uko waba wabonye igishwi kiramutse kiguye muri iki gitondo! Ndakeka yuko...ibishwi icumi ntabwo byagurishwa igiceri muri iki gitondo, 'kubera ko nta muntu ubikeneye. Hari kubaho ikibazo cyo kubyitaho. Ariko wowе uzi buri cyose kuri byo; Uzi buri baba mu mababa atwikiriye imibiru yabyo. Uzi agasatsi kose ko ku mitwe yacu.

¹²⁶ Oh Mwami, umva gusenga kwacu. Kora ku buryo bamenza neza ko uri Imana muri iki gitondo, kandi ko ari Umwuka wawe. Kora ku buryo guhunikira n'ibihumisha bigaragaza idini-igezweho muri iki gihe bibavaho, baravugabati: "Oh, Ndi umuyoboke w'idini *runaka*." Mana, ibyo bihanagure mu bitekerezeho byabo muri aka kanya. Kora ku buryo babona muri aka kanya gato Ubugingo Buhoraho. Kandi hanyuma bazabushaka kandi bazagira inyota yabwo, bifuza kumenya Imana icyo ari cyo, kuko bazi neza ko iriho. Irinda Ijambo ryayo.

¹²⁷ Ku banyabyaha bo, kora ku buryo bahita bihana, bakitegura kubatizwa mu Izina rya Yesu Kristo. Wasezeranje kuzabaha Umwuka Wera. Warabivuze, Mwami. Ukomeza isezerano ryawe.

¹²⁸ Hano haba hari uwasubiye inyuma akaba azi neza ko uri Imana, ariko akaba yarazimiye. Kora ku buryo agaruka uyu munsi, kuko Wavuze uti: "N'aho ibyaha byanyu byaba bitukura tukutuku, birahinduka umweru nka Shelegi. N'aho byaba bitukura nk'umuhemba, bizahinduka umweru nk'ubwoya bw'intama."

¹²⁹ Niba hari abarwayi bari hano, bumve ko uri Imana. Kandi ko wita ku Ijambo ryawe. Ugomba kwita ku Ijambo Ryawe. Mu gihe bo, bakiri mu mavuta yabo hariya, Umwuka ubarimo uhamye ko bizeye. Kandi ubwo, ndetse, hamwe n'Ijambo, umutsima w'Ubugingo watanzwe, Kristo; uwamanyuwe ku bwabo, mu Isezerano rya kera; no mu Isezerano Rishya, kugirango yerekane ko uko yari ari ejo ari ko ari none, n'iteka ryose; kora ku buryo bavanga iri Jambo n'amavuta, Umwuka, bahawé, kandi bahagarare imbere y'igicaniro, bavuga batí: "Ibi ni byo mfite gusa, Mwami. Ndabikuzaniye."

Oh, Mbega uburyo uzabitubura! Mbega ukuntu bizatuma Imana mwumvaga yigaragaza! Mbega ukuntu Yehova azishima, n'umutima azirahira, ati: "Mfite umwana witeguye kunyubaha. Naramugerageje, ariko anyereka ko ankunda kandi anyizera. Ahamirijwe ko ndiho." Kuko ahamya ko, "Uwegera Imana agomba kumenya ko Iriho, kandi ikagororera abayishaka." Biduhe, aka kanya, nk'uko tukwhiaye.

¹³⁰ Kandi, ubu, mu gihe imitwe yacu icyunamyé. Mwebwe abafite ikifuzo icyo ari cyo cyose, mushobora guhaguruka, abifuza kubishyira... Noneho, niba mutemera ko Ari Imana.... Niba muzi neza ko Ari Imana, igiye gusohoza isezerano Ryayo, agakiza, gukiza indwara cyangwa n'ikindi cyose, niba muzi neza ko ari Imana muhaguruke. Niba hari undi muntu wifuza gusengera, haguruka. Niba—uzi neza ko ari Imana, Menyesha iteraniro ry'abera icyifuzo cyawe. Ibyo ni byo ukoze uhaguruka ku... [Umwanya uriho ubusa kuri bande—Ubwanditsi.]

"Nzi neza ko ari Imana. Nizera ko irinda Ijambo ryayo. Kandi nzi neza ko nagejeje icyifuzo cyanjye... Ndagishyira munsi y'amaraso, muri aka kanya." Nukora ibyo, reka icyaha cyose, buri... Icyaha ni ukutizera. Birashoboka ko waba uri umuyobo ke w'itorero, ariko ubu ndavuga ku cyaha, "ukutizera kwave." Ukitzana nk'igitambo. Ugiye kugitamba. ukegera umusaraba. Noneho, ugiye gutamba, ukwinangira kwave kose. Uguhereze Imana, uzi neza ko iriho, kandi ukaba uzi neza ko iribugusubize. Niba ari uko bikumereye, zamura ikiganza cyawe. Komeza uzakizamure.

¹³¹ Mwami, uri Imana. Dore amavuta yabo n'ibigori byabo, byavanzwe. Babizanye ku musaraba, aho umuriro w'Imana

uzaka mu mitima yabo (niba bavuga ukuri) kandi utwike icyo gitambo cyabo. Uzigaragaza ku murimo, uzazamura urugero rw'amazi atagaragara. Amanutse ava mu ijuru, mu igare ry'umuriro. Uzanyeganyeza isi n'ijuru, kugirango ubihe ibihembo byabyo.

¹³² Bagihagaze aho, bazamuye ibiganza, berekana ko bizeye, kandi bakaba bizanye bo ubwabo, kandi buri icyifuzo bafite, bakizanye ku gicaniro cyawe. Oh Mana y'Ijuru n'isi, wowe Mucamanza w' Ijuru n'isi, ni iby'ukuri ko Umucamanza w'isi n'Ijuru azakoresha ukuri. Ni iby'ukuri ko Azakomeza Ijambo rye, Wowe Uzi imitima y'abagabo, uzi n'imitima y'abagore, imitima y'aba bantu.

¹³³ Mwami Mana, nanje nzamuye ibiganza byanje, kuko nzi neza ko ubu ngiye guhindurirwa umurimo. Kandi ndizera ko Uriho. Narakubonye uhagaze hariya mu Nkingi y'Umuriro. Narakubonye urondora ibihishwe mu mitima y'abantu. Nta na rimwe wigeze wibeshya. Wabisezeranje igihe Wabikoraga, hariya hakurya y'umuanda, igihe Watangiraga bwa mbere gukora ibyo bantu. wandindiye mu isi yose, hose hose. Nzi neza ko uri Imana. Ibyo ndabizi neza.

¹³⁴ Nitanze ubwanje hamwe n'abantu, kandi ntanze igitambo ku byo ntunze byose, Mwami, ndabiguahaye, kugirango ngukorere. Nongeye gutangira, Mwami, kuzenguruka isi. Mfasha, oh Mana. Niba narigeze kugushidikanyaho, bimbabarire, mbabarira ibyo byaha. Mbabarira kutizera kwanje. Nzi ko uriho, kandi ko ugororera abagushaka.

¹³⁵ Uko ni ko natura ibyaha by'abantu banje, muri iki gitondo, intege nke no gushidikanya kwabo, nk'uko bahagaze uku bazamuye ibiganza byabo. natuye ibyaha byabo, Mwami, ndetse n'intege nke zacu zose. Twoherereze Umwuka wawe Wera, hamwe n'ikimenyetso kiduhamiriza, ko Uri Imana. Kandi uri hano kugirango utwakire, kugirango udufate mu maboko yawe, kandi kugirango uducungure ku byo twatakaje byose. Niba ari ibyerekeye ubuzima bwacu, kora ku buryo wabidukubira inshuro ijana. Niba ari ibyerekeye ubugingo bwacu, kora ku buryo butugarukamo butoshye, kandi burabagirana, bwuzuye Umwuka Wera, kugirango bumurikirwe n'Imana. Niba ari ukutizera, Mwami, kongere kutugarukemo guhinduwe kwizera kwimura imisozi. Bitwemerere, Mwami.

¹³⁶ Twizera ko urimo gukora, Umwuka Wera wuzure iyi nzu, anyure hejuru y'abo bantu, akora ku mitima yabo, abahatira kwemera Imana nzima. Ibyo tubisabye mu Izina rya Yesu Kristo.

Kwizera kwanje guhanze amaso kuri wowe,
Wowe ntama y'i Kaluvari,

Mukiza wo mu ijuru;
 Umva uku gusenga kwanjye,
 Nkuraho ibyaha byanjye byose,
 Sinzongere kuzimira ukundi
 Kure yawe.

¹³⁷ Urabizirikana? Urawakira? Zamura ukuboko kwawe, uvuge uti, “noneho ndawakiriye. Ndamwizeye.”

Nk’uko ngenda mu nzu y’umwijima y’ubuzima,
 Kandi agahinda n’amaganya binzengurutse,
 bikomeza kwiyongera,
 Wowe, mbera umuyobozi.
 Tegeka ko umwijima uhinduka umucyo,
 Kuraho ubwoba bwanjye bwose,
 Sinzongere kuzimira ukundi
 Kure yawe.

Nimureke twunamishe imitwe yacu.

¹³⁸ Nyuma y’ibi bikaze, Ubutumwa bugoye; bukomeye, buruhije, bwatanzwe butabarira cyakora bukaba ari Ukuri. Niba kandi wemera wicishije bugufi ibyo wasabye, ko wabyakiriye, ntiwemere ko haboneka ikintu na kimwe cyagukura muri iyo nzira iboneye. Yihagararemo ushikamye. Ibyo nashobora kubwiriza byose cyangwa ibyo nabasha gukora cyangwa undi muntu uwo ari we wese, ntibyagera ku ntego igamijwe, mu gihe cyose utazabyemera nk’ibyaweye.

¹³⁹ Niba ubyzera n’umutima wawe wose, icyo wifuje cyose, Niba waratuye ibyaha byawe, Imana yarakubabariye. Ntuzigere ubishidikanyaho. Niba urimo usubira inyuma, muri iki gitondo uragaruve. Niba ushaka Umwuka Wera, batizwa rwose mu Izina rya Yesu Kristo kugirango ubone kubabarirwa ibyaha byawe. Iryo ni Ijambo ry’Imana. Ntizarihindura kubera itorero runaka cyangwa kubera idini runaka cyangwa kubera umuntu uwo ari we wese. Ni uko bigomba kumera. Tugomba gusohoza amategeko yayo atari amategeko y’itorero, amategeko yayo. Ibyo ni byo tugomba gukora.

¹⁴⁰ Niba yaravuze ngo: “Isengesho ryo kwizera ryakiza umurwayi.” Niba urwaye, nasenze iri sengesho ryo kwizera ku bwawe. Nawe warisenze mu mutima wawe. Kandi urinaryizeye, ryemere ntutandukane na ryo na hato. Ni uku bigomba kumera. Nta cyarigukuramo, n’ubwo cyaba giteye ubwoba.

¹⁴¹ Wavuga uti: “Ni byiza, Nyamara meze nk’aho nkirwaye.” Ibyo si byo... Ni amababa y’Abamarayika gusa yateraniye hamwe ibyo ari byo byose. Ni ibyo gusa. Ni Imana muburyo bw’umugisha. Birasa naho ari umwijima kuri wowe. Ubyegere kurushaho kandi wongere ubyitegereze, urebe ko mu by’ukuri atari Imana iri aho, ikomeza Ijambo Ryayo.

¹⁴² Noneho nkuko twunamishije imitwe yacu, ngiye guhindura serivisi nyihe mwene Data Neville, umushumba wacu.



MUGIRE GIHAMYA KU MANA KIN59-0125
(Be Certain Of God)

Ubu butumwa bwa Mwene Data William Marrion Branham bwabwirijwe mu Cyongereza ku Cyumweru mu gitondo tariki ya 25 Mutarama 1959, muri Branham Tabernacle i Jeffersonville, Indiana, muri Leta z'unze Ubumwe za Amerika. Bwafashwe amajwi kuri bande mu mwimerere wabwo. Bwandikwa nk'uko bwabwirijwe mu Cyongereza. Ihindurwa mu Kinyarwanda ry'ubu butumwa ryakozwe kandi rinatangazwa na Voice of God Recordings.

KINYARWANDA

©2023 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org